A IMANA N'IBYAREMWE

❖ Umuremyi w'Indakemwa

— Ibyaremwe bigaragaza ibiranga Imana byinshi:

(1) *Imana ifite ububasha*: Yaravuze, maze ibintu byose biremwa bitunganye (Itangiriro 1:3, 6, 9, 11, 14, 20, 24; Zaburi 29)

(2) *Imana yitanga*: Ntiyari kure, ahubwo yegereye ibiremwa byayo, ivugana na byo kandi ibikoraho (Itangiriro 1:28-30; 2:7)

(3) *Imana igira gahunda*: Ntabwo yaremye mu buryo bubonetse bwose. Buri ntambwe y'irema yateguriraga ikurikiyeho, kugeza byose bibaye byiza cyane (Yobu 34:13)

(4) *Imana ihanga ibishya*: Ntabwo yaremwe ibintu byose mu ibara rimwe cyangwa ishusho imwe, ahubwo "nk'uko amoko yabyo ari." Buri kiremwa gitandukanye n'ikindi (Itangiriro 1:21, 24)

(5) *Imana isābāna*: Imana yashyizeho umushyikirano hagati y'abantu n'ibindi byaremwe. Kandi "yagendagendaga hagati muri iyo ngobyi" (Itangiriro 1:28; 3:8)

❖ Isi y'indakemwa

— Imana yagendaga ireba ibyo imaze kurema mu cyumweru cy'irema, ikemeza ko byose "ari byiza" (Itangiriro 1:10, 12, 18, 21, 25).

— Imana yanyuzwe n'Ibyaremwe byayo. Byose byari byiza kandi bikora ibyo byagenewe, byari byarahanzwe ku buryo butangaje, byuje ubugingo, bitātse amabara.

— Ni nde wari waragenewe iyo mpano ihebuje ubwiza? Ni twe. Ndetse na nyuma y'imyaka ibihumbi yo kwangirika, dushobora kubona ibitangaje by'Ibyaremwe tukabitangarira: Mbega ukuntu Imana yacu ikomeye!

❖ Igisonga cy'indakemwa

— mana yashyize Ibyaremwe mu maboko y'igisonga cy'indakemwa: Inyokomuntu.

— Yabashyizeho nk'abatware n'abarinda inyamaswa n'ahabazengurutse (Itang. 1:28; 2:15).

— Icyaha nticyavanyeho iyi nshingano. Turacyafite inshingano yo kwita no kurinda Ibyaremwe, birimo inyamaswa n'ahatuzengurutse.

B UMUBANO WANGIRITSE

❖ Abantu n'Isi

— Bitandukanye n'ibindi biremwa, Adamu na Eva bari barahawe ubushobozi bwo gushungura no guhitamo; bityo bashoboraga kwifatira ibyemezo byabo.

— Ubwo bushobozi bwari bwaranahawe ibindi byaremwe Imana yari yararemye mbere, nk'abamarayika. Lusiferi yakoresheje uwo mudendezo maze yigomeka ku Mana, aniyemeza kwagurira ubwigomeke bwe ku isi yari ikimara kuremwa.

— Adamu na Eva bemeye igishuko cya Satani, nuko bangiza umubano wabo n'Imana, umubano hagati yabo, ndetse n'umubano wabo n'inyamaswa n'ahabazengurutse (Itangiriro 3:8, 12, 18; 9:2).

❖ Abantu na bagenzi babo

— Imana yaremye abantu bose (Yobu 10:8-12). Buri wese ni ikiremwa cy'Imana kandi tugomba kumwitaho no kumwubaha.

— Umuntu wese afite uburenganzira bwo kumenya ko Imana imukunda, kumenya igitambo cyayo ndetse na gakondo yamuteguriye.

— Imana yadusabye no kurinda ibyo yaremye. Turi abarinzi ba benedata.